**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI.**
**TEL : (250) 8 3527**
**FAX : (250) 8 3518.**

11/8/1999
DCA
Att: Butoto
Archives
Folklore

## URUZINDUKO RW'ITORERO RY'U RWANDA MU BUSHINWA.

Ku wa gatanu tariki ya 6 Kanama 1999, Bwana Wang ZHISHU, Umujyanama muri Ambasade y'Ubushinwa i Kigali yari yaje kutureba ku bijyanye n'uruzinduko rw'itorero ryacu mu Bushinwa, atubwira kubagezaho ibi bikurikira :

1. Ubushinwa bwishimiye igisubiza cyanyu cyiza , kuko itorero ry'u Rwanda rizajyayo.

2. Amatariki yarahindutse : Minisiteri y'Umuco y'igihugu cye yifuje ko iryo torero ryazajyayo mu ntangiriro z'ukwezi kwa cumi na kumwe aho kuba mu kwa cyenda nkuko byari biteganyijwe.

3. Iyo Minisiteri ngo itegereje vuba amazina y'abahanzi ndetse n'abazaba babayoboye;

4. Itegereje na none :
   a) Amafoto y'imikino y'itorero rizabasura;
   b) Cassettes Vidéo y'iryo torero
   c) Gahunda y'uburyo bakina : ni ukuvuga igihe bamara bakina umukino umwe n'imikino bakina muri rusange ku munsi.
   d) Amazina y'imbyino bazabyina.

5) Kubijyanye n'igihe ngo nta gihindutse, n'ibyumweru bibiri.

Nyakubahwa Minisitiri, mboherereje ku mugereka w'iyi nyandiko, ibaruwa iri mu rurimi rw'igishinwa, yanditswe na Minisitiri w'Umuco w'igihugu cye yasobanuragamo aya magambo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10/8/1999.

**BUTOTO Yohani**
Ishami ry'Umurage Gakondo.

**REPUBLIQUE RWANDAISE**
**MINISTERE DE LA JEUNESSE,**
**DES SPORTS ET DE LA CULTURE**
**B.P. 1044 KIGALI.**

# DISCOURS PRONCONCE PAR SON EXCELLENCE MONSIEUR LE MINISTRE DE LA JEUNESSE, DES SPORTS ET DE LA CULTURE POUR ACCUEILLIR LA TROUPE CULTURELLE DE CHINE (14-23/6/1999).

---

Excellence,
Excellences,
Mesdames et Messieurs,
Artistes,
Amis du Rwanda.

Nous sommes tous assemblés pour accueillir et assister aux jeux à présenter par l'une des troupes culturelles de la République Populaire de Chine. Cette troupe est dénommée "Les Marionnettes de Chengdu" qui est situé dans la province de Sichuan. Les jeux à présenter par ces Parents, jeunes filles et garçons qui se déroulent dans notre pays mettent en évidence la bonne coopération entre nos deux pays et plus particulièrement en la matière de la Culture.

La Chine est un pays qui se distingue dans son histoire par la Culture. La Culture traditionnelle est la base de tout ce qu'ils créent. C'est surtout grâce à la culture que la Chine a atteint le

stade actuel de développement. Elle a beaucoup d'écolés culturelles à partir des écoles primaires jusqu'aux universités.

Quant à eux, la culture s'apprend non seulement à la maison mais aussi dans les écoles. Tous Ceux-ci ont permis aux chinois d'adapter ladite culture à leurs connaissances générales et leurs technologies.

Personne n'ignore que la Chine est l'un des pays amis qui ont maintes fois aidé le Rwanda dans de différents travaux.

Compte tenu de la coopération particulière entre le Rwanda et la Chine, notre pays est l'un des cinq pays africains que cette troupe visitera.

Je souhaite, pour le moment, la bienvenue et le bonheur à ces acteurs. Je demande aussi aux spectateurs d'y assister nombreux et attentivement.

Je vous remercie.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**UMUCO N'IMIKINO**
**B.P. 1044 KIGALI.**

**Inyandiko mvugo y'inama ya kabiri yo gutegura kwakira itorero ry'Ubushinwa "les Marionnettes" rizasura igihugu cyacu (15-23/06/1999).**

Aho yabereye: Ambasade y'Ubushinwa.

Abayitabiriye:
- Bwana Wang Zhishu, Umujyanama muri Ambasade y'Ubushinwa.
- Bwana BUTOTO Jean, Umukozi muri MIJESPOC
- Bwana RUTAZIBWA Bernardin, Umukozi muri MIJESPOC.

- Atangiza inama , Bwana Wang yabanje kutugezaho ibyahindutse kubijyanye n'imitwaro abagize iryo torero bazaba bafite. Yatubwiye ko ibikoresho iryo torero rizaba rifite hatarimo ibikapu byabo( bagages) bipima Kg 801 aho kuba 550 nk'uko bari babitumenyesheje mbere,bikajya ahantu ha $m^3$ 4,61 aho kuba $m^3$ 4. Ubundi kandi bifungiye mu bisanduku 13 ( pièces/colis).

- Ku bijyanye n'amacumbi twumvikanye ko kuri uyu wa gatatu tariki ya 19/05/1999 mu masaha ya nyuma ya saa sita tuzajya gusura Hôtel twabacumbikiramo. Tukaba twaratekerezaga : Hôtel Chez Lando, Okapi, na Méridien.

- Ikindi kandi n'uko Bwana Wang yavuze ko Ambasaderi w'Ubushinwa ubwe azajya kwiyakirira iryo torero ry'igihugu cye ku kibuga cy'indege. Akaba yarifuje ko haboneka k'uruhande rwa Minisiteri, umwe mu Bayobozi bakuru, ndetse n'abanyamakuru bakaba batumirwa kugira ngo bamenyeshe Abanyarwanda iby'iryo torero by'umwihariko n'iby'ubutwererane mu rwego rw'umuco hagati y'Ubushinwa n'u Rwanda muri rusange.

- Inama yasanze ari byiza ko hateganywa n'icyumba kimwe cy'abazaba bari hafi buri gihe y'iryo torero.

- Hemejwe n'ubundi ko hanateganywa icyumba cy'abashinzwe umutekano wabo.

- Ikindi cyatekerejweho n'uguteganya imodoka nini ebyiri zizatwara ibikoresho. Imwe ikajyana ibikoresho byo gukinana iyindi ikajyana ibikapu byabo.

- Twasanze ari byiza gutegurira gahunda hamwe n'Ambasade y'Ubushinwa, ubutumire bukagezwa kuri ba nyirabwo (harimo Abayobozi bakuru) hakiri kare.

- Bwana Wang yatubwiye ko Ambasaderi we yemeye ko iryo torero ryasohoka rimwe rigakinira i Butare kuri Kaminuza, ndetse byashoboka abo bakinnyi bagatemberezwa, bakagera nko mu ishyamba rya Nyungwe hagati bakongera bakagaruka i Nyanza mu Rukari cyangwa se ahandi hakwemezwa.

- Gutumira insakazamajwi n'imboneshakure ahazabera imikino no guteganya uwatunganya amashanyarazi (Electricien) mu gihe habonetse akabazo.
- Kwamamaza itorero ry'Ubushinwa byibura iminsi itanu mbere yuko rigera ino.

- Kumenyesha hakiri kare Compagnie y'indege Ethiopian izabasubizayo kuri 23/6/1999, kugira ngo hateganywe ahazashyirwa ibikoresho byabo.(Bigomba kujya mu ndege imbere bidashyizwe hasi mu yindi mizigo"soute à bagages").

- Bwana Wang yashoje inama adusabye kugeza kuri Nyakubahwa Minisitiri ko Ambasaderi we yifuza kumwakira (offrir un dîner) we n'intumwa yari ayoboye mu Bushinwa, abagize komite yo gutegura kwakira itorero ry'igihugu cye ndetse n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri, ku itariki ya 27/5/1999 muri Ambasade y'Ubushinwa saa kumi n'ebyiri n'igice.

Inama yarangiye twumvikanye ko tuzongera guhura ku wa kabiri tariki 25/5/1999 saa yine.

**BUTOTO Jean**

**RUTAZIBWA Bernardin.**